

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

ICYEMEZO GIHAMAGAZA UWATOROTSE UBUTABERA

Umunsi wa 12 w'Ukwezi kwa Mutarama, Umwaka wa 2022,

Twebwe Mbarushimana M.Laetitia, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na Muzamuzi Pacifique, Umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 01279/2020/TGI/NGOMA ruregwamo NTAKIRUTIMANA ADRIEN mwene - na -, ID -, c/o tel -, yari asanzwe abarizwa mu Ntara y'I Burasirazuba, mu Karere ka Rwamagana, mu Murenge wa Gahengeri, mu Kagari ka Mutamwa, mu Mudugudu wa Ryasentero, akaba aregwa n'Ubushinjacyaha icyaha cyo gukomeretsa undi ku bushake bigatera uwabikorewe kutabasha kugira icyo yikorera mu buryo budahoraho, giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 121 aB y'Itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu,

Tumaze kubona yararegewe urukiko yaramaze gutoroka ubutabera nk'uko Ubushinjacyaha bubigaragaza,

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

Twemeje ko NTAKIRUTIMANA ADRIEN, yitaba Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye uyu munsi iki cyemezo gifatiweho, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko akazaburanishwa adahari tariki ya 14/02/2022 saa mbiri (08h00).

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kandi kigatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

sé
Mbarushimana M.Laetitia

sé
Muzamuzi Pacifique

Copie certifiée conforme à l'original dont, l'acte greffier

MUZAMUZI Pacifique

délivré en date du 13/01/2022

